

Ese aho mutuye muraziranye? Mu bo muturanye se nta we uzi wakomeretse kubera urwango cyangwa inabi yagiriwe? Nta nshike , abapfakazi n'imfubyi kubera intambara cyangwa Jenoside yakorewe abatutsi muturanye cyangwa mukorana? Abafasha ute? Ubagirira impuhwe? Ni ubuhe bufasha waba warahaye mugenzi wawe wakomerejwe n'amateka mabi yanyuzemo?

Umugambi: Gufasha abaturanyi bacu bakomeretse

Umunsi wa gatandatu: Ku wa kabiri 24/04/2018

- ◆ **Indirimbo :** Roho w'Imana ngwino
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu

"Ubuvandimwe bugaragarira mu gufasha abababaye"

- ◆ **Ijambo ry'Imana:** Mat 25, 31-46
- ◆ **Umuyoboro w'ibitekerezo**

Ese uyya ubona abababaye, abarwaye, abafunzwe, abafite agahinda, abihebye cyangwa abarira hafi yahoo utuye?

Niba ubabana se ubamarira iki? Uhita wibuka se ko Yezu abarimo? Niba se utababona koko ntabo muturanye cyangwa wirinda kubabona? Yezu yavuze ko nimuhura azakwibutsa ko mwahuye agira ngo akwibutse uyu munsi kujya umubona muri bagenzi bawe?

- ◆ **Umugambi:** Kumenya abakeneye ubufasha batuye mu mbibi z'Umuryangoremezo no kubafasha.
- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa karindwi : Ku wa gatatu 25/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Ahari urukundo n'umubano Imana iba ihari
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu

"Umukristu nyawe ni uzi gusaba no gutanga imbabazi"

- ◆ **Ijambo ry'Imana:** Mt 18,21-22
- ◆ **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

Umukristu ni usa na Kristu. Ababarira igihe cyose kandi agasaba imbabazi igihe cyose yahemutse. Umukristu azi neza ko kubabarira biruta kubabarirwa. Kuko kubabarira bisaba kugira urukundo kubabarirwa akaba ari ukugirirwa urukundo n'impuhwe. Ese mu mateka abanyarwanga twanyuzemo nta muntu waguhemukiye ku buryo bukabije? Wari wamuha imbabazi se? Gutanga imbabazi biruhura uzitanze bikanabohora uzakiriye. Nta muntu se wahemukiye ku buryo wumva amusaraba ahetshe ubu ari wowe wawumukoreye? Wari wahaguruka se ukajya kumusaba imbabazi?

- ◆ **Umugambi:** Kugira ubutwari bwo kwegera uwo bafitange akantu akamuha cyangwa akamusaba imbabazi.
- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa munani : Ku wa kane 26/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Twaje Mana yacu
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu

"Kubana no kunga ubumwe mu muryangoremezo"

- ◆ **Ijambo ry'Imana:** Gal 3,27-28

Umuyoboro w'ibitekerezo:

"Aba Kristu Yezu babambye ku musaraba umubiri wabo n'ingeso mbi ndetse n'irari" (Gal 5,24)

Muri izo ngeso harimo irondakoko n'amacakubiri. Iwanyu haba hari abantu batibona muri bagenzi babo kubera ubwoko cyangwa inkomoko byabahumye amaso? Niba bahari mu-bafasha mute? Ese mu muryangoremezo wanyu mwakirana kivandimwe mwese kandi nta buryarya? Ese muzi neza ko gutandukana kwacu (ubudasa) ari ubukungu bunyuranye Imana yaduhaye kugira ngo twuzuzanye?

Umugambi: Gufatira hamwe ingamba zo kurwanya amacakubiri n'irondakoko cyangwa kubikumira mu mbibi z'Umuryangoremezo

- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa cyenda: Kuwa gatanu 27/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Ni wowe Rutare rwanjye Mana yanje
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu


"Byose bihira abakunda Imana"

- ◆ **Ijambo ry'Imana:** Rom 8,35-37

Umuyoboro w'ibitekerezo:

Umukristu arangwa no kwizera Imana kuruta byose kuko ari Yo ishobora byose. Nta kintu na kimwe gishobora gukuraho urukundo Imana idukunda. Ibi urabyizera? Mu byago byose wanyuzemo n'ibyo uzanyuramo Imana iba ikuri iruhande. Kwizera iyo Mana ni byo bituma umuntu atiheba. Ni byo bituma umuntu adaheranwa n'agahinda. Ni byo bituma abantu baba intvari aho rukomeye.. Ni byo bituma abantu bashobora kwiyunga nyuma y'amacakubiri no kongera gufata nyu urugendo mu nzira y'ubuzima Imana iduhamagarira.

- ◆ **Umugambi:** Gufashanya mu kubaka ejo heza ha buri wese.
- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi



Noveni itegura Umunsi wo kwibuka no gusabira abazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994

Bakristu bavandimwe dusangiye ukwemera, buri mwaka mu gihugu cyacu tugira iminsi ijana yo kwibuka abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994. Kuva mu 2004 Kilizya Gatorika mu Rwanda yagennyre ko buri wa gatandatu wa nyuma w'ukwezi kwa Mata uba Umunsi wo kwibuka no gusabira abazize jenoside yakorewe abatutsi mu1994 (Reba Ibaruwa y'Abepiskopi "Twibuke ibyabaye dushimangira ukuri, ubutabera n'imbabazi" yo ku wa 04 Gashyantare 2004). Abepiskopi bifuje kandi ko uwo munsi wajya wubahirizwa n'abakristu bose bo mu Rwanda kandi hagakorwa Noveni yo kuwitegura.

Muri uyu mwaka wa 2018, umwaka udasanzwe w'ubwiyunge muri Kilizya Gatolika mu Rwanda., Abakristu twibukijwe ko "Kristu ari we bumwe bwacu". Mu by'ukuri, "Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda yabaye umunzani wapimye ikigero cy'ubumuntu n'icy'ubukristu mu Banyarwanda" nk'uko byagarutsewho mu Ibaruwa Abepiskopi Gatolika bandikiye abakristu muri uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge. Umunsi wo kwibuka no gusabira abazize jenoside yakorewe abatutsi mu1994 muri uyu mwaka uzaba ari ku wa gatandatu ku itariki ya 28 Mata 2108.

Mu rwego rwo gufasha abakristu bo mu Rwanda kwitegura guhimbaza neza Umunsi wo kwibuka no gusabira abazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, Komiyo y'Ubutabera n'Amakoro y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateguriye abakristu bose Noveni. Iyi Noveni izatangira ku wa kane tariki ya 19/04/2018 irangire ku wa gatanu tariki ya 27/04/2018. Iyi novena ifite insanganyamatsiko igira iti "Bakristu, twiyunge tuvurana ibikomere nk'abavandimwe", ariko na buri munsi ukagira insanganyamatsiko yihariye. Iyi noveni izakorerwa mu miryangoremezo izafasha abakristu gusenga no kongera kuzirkana ku gaciro ka Batisimu bahewe ikabagira abana b'Imana n'abavandimwe; ko umukristu ari ubona isura y'Imana muri buri muntu; ko gusaba no gutanga imbabazi ari ko gusa n'Imana; ko Imana ibana na buri wese mu mateka y'ubuzima bwe kandi ko tutagomba guheranwa n'agahinda kuko Kristu yatsinze imbabaro ndetse n'urupfu.

Muri iyi noveni buri munsi tuzajya dutangiza indirimbo, dukturikizeho isengesho risaba ubumwe bw'abakristu dusanga mu Gitabo cy'umukristu ku rupapuro rwa 129, dusome insanganyamatsiko y'umunsi n' Ijambo ry'Imana tugomba kujya twunguranaho ibitekereo, hanyuma dufatire hamwe ingamba.

Buri munsi kandi tuzajya dusozesha isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi rikurikira:

'Nyagasani, ngira umugabuzi w'amahoro yawe,

Ahari urwango, mpashyire urukundo,

Ahari ubushyamirane, mpashyire kubabarirana,

Ahari amacakubiri, mpashyire ubumwe.

Ahari ukuyoba, mpashyire ukuri,

Ahari ukujinganya, mpashyire ukwemera.

Ahari ukwiheba, mpashyire ukwizera,

Ahari icuraburindi, mpashyire urumuri,

Ahari agahinda, mpashyire ibyishimo.

Nyagasani,

Aho gushaka guhozwa, njye mpoza abandi.

Aho gushaka kumvwa, njye numva abandi.

Aho kwikundisha, njye nkunda abandi.

Kuko utanga, ari we uhabwa

Uwiyibagirwa, ari we uronka

Ubabarira, ari we ubabarirwa

Uhara amagara ye, ari we uzukira ubugingo bw'iteka'.

Amina.

Byateguwe na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro.

Kigali, ku wa 23 Werurwe 2018

Mgr Antoine KAMBANDA

Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro



Umunsi wa mbere : Ku wa kane 19/04/ 2018

- ◆ **Indirimbo:** Ndi uwawe Nyagasanu Yezu
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu
- “ **Kubona isura y'Imana muri buri wese** ”
- ◆ **Ijambo ry'Imana:** Intg 1, 27-28
- ◆ **Umuyoboro w'ibitekereo:** *Umuntu wese yaremwe mu ishusho y'Imana.* Umukristu yahawe ubushobozu bwo Kubona isura y'Imana mu mwana wese, umugabo wese, umugore wese, mu murwayi, mu mbabare no mu bakene bose. Irondakoko ntirishobora guturana n'ubukristu nk'uko inabi n'ineza bitabana icyarimwe mu mutima umwe. Hari ubwo dushobora gukunda umuntu kubera ko dusangije amavuko, ubwoko cyangwa akarere. “Maze se nimuramutsa gusa abo muva inda imwe, muzaba murushije iki abandi? Ese abatazi Imana bo, si ko babigenza?” (Mt 5,47). Ese iwacu mu muryangoremezo hagaragara urukundo rw'ukuri ku batuye mu mbibi zavo bose?

◆ Umugambi:

- Kugaruka ku gaciro ka Batismu twahawe itugira abana b'Imana n'abavandimwe muri Kristu.

- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa kabiri : Ku wa gatanu 20/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Uhoraho yantwaye umutima
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu
- “ **Guhinduka nta buryarya”**
- ◆ **Ijambo ry'Imana:** 2 Kor 5,20
- ◆ **Umuyoboro w'ibitekereo:**

Nitureke Imana itwigarure., duse na Yo koko kuko yatugize abana bayo.

Iyo turebye imiberero n'imbanire yacu dusanga twarahindutse koko abana b'Imana? Ese tubanira abantu bose nk'abavandimwe bacu? Mu byo dutekereza, tuvuga cyangwa dukora Imana ifite umwanya wa mbere mu kubitubwiriza cyangwa dukora ikidushimisha aho kubanza kureba ko bishimisha Imana na bagenzi bacu?

- ◆ **Umugambi:** Kuvugurura umubano hagati yacu
- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa gatatu: Ku wa gatandsatu 21/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Ndashaka kwiturira mu rukundo rwawe
- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu
- “ **Kwiyakira no kwakira mugenzi wawe** ”

◆ **Ijambo ry'Imana:** 1Yh4, 20-21

◆ **Umuyoboro w'ibitekereo:**

Umuntu wiyakiriye ni we ushobora kwakira mugenzi we. Umuntu utiyizi neza abaho nabi. Hari ubwo dushobora guureka ko tuzi kandi tubona Imana tutaramenya kandi ngo tubone bagenzi bacu, iceyo gihe tuba twibeshya. Umuntu uzi neza ko yaremwe mu ishusho y'Imana ariyubaha aho ari hose. Bene uwo muntu yubaha n'abandi bose kuko aba zi ko nabo baremwe nka we mu ishusho y'Imana. Ujya gutera uburezi arabwibanza. Ese ujya uzirikana agaciro ufite mu maso y'Imana? Ako gaciro se ukabona no muri bagenzi bawe?

◆ **Umugambi:** Kwhatira kwakira no gukunda abantu bose .

- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa kane : Ku cyumweru 22/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Niba uhoraho ari amahoro yawe

- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu

“ **Kwiyunga n'amateka yawe ababaje** ”

◆ **Ijambo ry'Imana:** Heb 12, 3

◆ **Umuyoboro w'ibitekereo:**

Ni ngombwa kwiyumanganya mu bigeragezo.

Buri wese afite ibyamubabaje mu mateka ye. Ariko si byiza kugereranya ubububare kuko buri wese ubabaye aba ababaye nyine. Imana (Yezu Kristu) buri gihe ababarana n'abababye. Ese amateka mabi wanyuzemo wigeze wibuka ko uri kumwe na We? Ese uribuka uburyo We yababaye, abamubabaje n'im-pamvu yemeye kubabara? Ese wemera ko yababaye kugira ngo umutima wawe utazacogozwa n'ukwiheba? Ese wemera udashidikanya ko ari We Karuhura? “ Nimungane mwese abarushye n'abaremerewe , jye ndabaruhura” (Mt 11,28).

- ◆ **Umugambi:** Kwitoza gutura Yezu amateka yacu n'aya bagenzi bacu mu Isengesho rya buri munsi.

- ◆ Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

Umunsi wa gatanu: Ku wa mbere 23/04/2018

- ◆ **Indirimbo:** Komeza intambwe zanje Nyagasanu

- ◆ Isengesho risaba ubumwe bw'abakristu

“ **Kutirengagiza ibikomere bya mugenzi wawe** ”

◆ **Ijambo ry'Imana:** 1Pet 3,8

◆ **Umuyoboro w'ibitekereo:**

Mu mibanire y'abakristu nta mukristu uba nyamwigendaho cyangwa ntibindeba.